IMIVUGO YA EPHREM INJANJI NDAYIZIGIYE

IBUKA

Ibuka ubwo Imana irekuye u Rwanda
Umwanzi akirirwa yidoga
Inzirakarengane ishinyagurirwa !

Cyo igira hino wowe warokotse
Tugumye twibuke ya minsi .

Ibuka ubihereye ku ntwari ;
Cyo ibuka abawe waburiye harya ;
Ibuka uko bicanywe agashinyaguro !

Ibuka se rya joro ry'ikibunda
Ubundabunda ngo ubone bwacya,
Bwacya ukumva butari bwire !

Cyo ibuka za mbwa zo n'abahigi
Uhigahigwa nk'uwayoberanye !

Ibuka na ya majoro wagenze
Utazi aho ujya usunika iminsi,
Ugahora uhunga aho utahemutse !

Cyo ibuka abishi babasakiranye,
Ikiriri cyabo bavuza induru
Imihoro n'amahiri biri ku mutwe,
Wibuke burya babahukamo
Bakabacoca ntawe ucitse !

Ibuka imirambo irundarunze
Bakakurengaho uyiri munsi !

Cyo ibuka abana aba b'ibibondo
Uko babicaga babasekera !

Ibuka abatangiye guca akenge
Uko bacocwaga batakamba !

Ibuka se abari barisize
Ntibanabasige bahumeka !

Cyo ibuka ba basore babyiruka
Babarimarima nk'imitumba !

Ibuka ababyeyi uko babyajwe !

Ibuka abasaza baduhanaga
Uko basuzuguwe n'ingegera !
Ibuka utakambira uwo watunze
Yaragutinyaga utamukanze !

Ibuka uburara waritunze
Ibyagutunze babyigabanya !

Cyo reka twibuke ya minsi !

Wowe wahigiwe uko wavutse
Ukavutswa ibyawe warabiruhiye
Abawe ukababura ukibakunze
Ukaruha wararerewe ahatuje
None ukaba urira uzira gihoza,

Wowe wakandamijwe ukivuka
Ugahora uhejwe uzira uko waje
Ukabaho urindwa kunezerwa
Kugeza ucibwa utari umurozi
Ugahigishwa imbwa nk'igisambo,

Cyo ibuka bya bihe, ya minsi
Ubwo wikangaga ubusa bwose
Umutima wawe ari igikange !

Imisozi yose yikiranyaga
Igira iti « nguwo ntabacike ! »

Aho unyuze hose baguha induru,
Aho ugeze hose ukumva barora
Kugeza ubwo ugize uti « ntakundi, »
Ugahama aho uri uti « mfire hano ! »

Ukwezi kwiza kwitwaga (a)Mata
Iryo zina ryiza bararikwaka
Kuko uwaroye uko amaraso atemba
Atari kwibuka kubikwita...

Ibuka uko bari bashishikaye
Bica abantu nk'abica imibu
Nta gaciro na mba bakibaha !

Cyo ibuka abawe utaherekeje !
Ibuka ko nta wapfunye uwe atashye !
Ibuka ko nta waragaga agiye !

Nako ndabizi ntiwibagiwe .

Ntabwo wibagiwe ubutwari
Bw'abo bishe bihagazeho ;
N'ubwo bishe benshi kwinshi,
Abenshi bapfuye gitwari
Babanogonora banga umugayo.

Mbega ubwire bwije nabi !
Mbega akaga kishe u Rwanda !
Mbega ishyano ngo riratugwira !

Kubona uturana n'umutindi
Agusaba umunyu umutiza isuka
Akakwitura kumara abawe !

Kubona umunyazi umuha uko wiha
Agira urubanza ukamutabara
Bagutura akaba aratumiwe
Ibyo akabirengaho akagutanga
Bakakurimburira umuryango
Ari nawe ureberera abo bishi ? ! !

Koko ngo umwanzi ntibamuhonga !

Ujye uhora wibuka ko ibyo byose
Ababishyiraga kuri gahunda
Bariho n'ubu kandi hose .

Ibuka ko abendaga kudutsemba
Kukubona uriho bitabaneza,
Ube woroheje kubyina intsinzi
Nduzi ikibuga kirimo imigina.

Ibuka ujye wibuka kwirinda ;
Ibuka uze usange abo mugahuje
Dusugane tunajya inama
Ingufu nke umwanzi yasize dufite

Tuzegeranye ntituzisese
Abakiri ntabo tubasigasire
Dusindagize abatabishoboye
Tuzamurane tujye ahabona.

Ibuka ko utakiriho uko wahozeho
Ahubwo ko uriho wararokotse.

Ibuka ko icyatumye burya uhigwa,
Icyo bamwe wabuze babajijije
Ari ubwo bwoko n'ubu ugifite
Uwabukuzizaga akaba akikurora.

Ibuka ko abawe bakuvukije
Bariguhanze ngo uribaheshe ;

Uramenye ntubakoze ikimwaro !

Uzabe intwari babigutezeho,

Uzaharane ntibibagirane
Uzabishimirwa inshuro nyinshi .

Ibuka ko aho bari ari wowe barora ;

Ibuka ko ababavukije ubuzima
Abenshi bicaye barya ibyabo.

Abawe wabuze barenganyijwe
Uzaruhuke barenganuwe !

Ibuka, maze wubake.

IRAGA RIGOYE

Ndaguje imana iba umucuri!

Mbe Mana y'i Rwanda
Ayo nonkaga yera
Ko Abaye indubaruba
Aho ntugira uncutse
Ntarakaba incuke ?

Nderekeza he mbandwa
Ko ije ndora ije ukundi !

Mbega ijuru ko ryije
Umunsi ugeze amashoka
Ndabwinjira ndyame?
Cyangwa mbe nizeye
Ko zikuka hakeye?

Ndumva induru ndende
Igenda igana aho mbunze:
None batandenga
Nkisigira ibibondo
Byazarerwa na nde?

Ndambiwe no kubunda
Nihoreraga nemye
Nta mwenda naryora!
Negure se agahanga
Nemere bagahonde ?
Cyangwa mpendahende
Bandekere undi nk'umwe ?
Nimba umugabo cyane
Nkirinda kumwara
Abavutse mbiteye
Simbaraga kugorwa
Bantezeho kugororwa ?

Ko iminsi ibaye myinshi
Ntongana n'intimba
Nterwa n'inkuru ntindi
Y'uko ndi umugenzi
Uwaba umugabo nari we
Nkivugira ko ngiye
Nsezera ku bakunzi?

Nibutse ya minsi
Negeranya umuryango
Nkivugira ko umwari

Twakundanye iminsi
Yemeye ko duhura
Tukubaka urwacu
Tukagura iyacu!

Benze ubwo inzoga nziza
N'inka itagira uko isa
Twerekaza iyo iwabo
Tubereka ibirori;
Mwemerera bari aho
Kuzamurasanaho
Tugasangira ibyiza
None ndabona ngiye
Kandi mbibona agowe!

Nk'ibi ni iki bije I Rwanda
Bitumye ukunda asiga uwo akunda
Bikabatesha ibyo bashatse?

None dore ndagiye
Nisigiye umukunzi !
Nisigiye urubyaro !
Ngiye ntaraze nariho !

Nsuzuguwe n'ingunzu
Barangize ingunge
Simbasabe kuyahoza;

Abanjye bagizwe nkanjye
Nari mfite ingamba
Zizabibahunza!

Mwari wampoze impande
Ukandinda guhogora
Umpunza ibizazane,
Twasangiye ibyiza
Iminsi ije inezeza
Twikinira ubutoya
Twitetera mu rwacu…
Ndumva ngusize ngiye,
Niba usigaye nawe
Uzandirira ni ngombwa!

Ntundege ko ngutaye
Impamvu si jye urabizi
Ngiye ntabisabaga;

Uzarere ibyo bibondo
Nugira abo urokoramo
Nduzi imvura iducoca
Itigizayo ab'incuke!

Uzambabarire cyane
Ntabwo ngutereranye
Umwanzi uhora atugenza
Yemeje ko mba ngiye
Nta nama tugiye!

Nkamwe se bura bwanjye
Nsezere mvuga ayahe ?

Mwambonagamo byinshi
Byabateye umwete
Mwatanya munsanga
Mwigera ingiro yanjye
None dore ndagiye:
Ngiye ntabagejejeyo
Byari muri gahunda;
Ngiye nk'ubahunze
Mwazaga munsanga;
Mbisabiye ikigongwe
Niba umwanzi abasize
Ntimuzansiganye
Ntabwo mbasize mbanze
Ahubwo iyi si si nziza!

Dawe utabikemangwa:
Uribuka ndi umwana
None ubu ndi mu rwanjye!
Nta soni naguteje
N'aho wabyikanze
Si mbizi uko ubizi
Simveho mpapfukirana,
Ndumva gusa uko nkuzi
Utanyima icyo kigongwe
Nkigendera nera
Umunsi ndabona waje;
N'ubwo nzira aho mvuka
Ngiye utari impamvu!

Niba usigaye ku isi
Intimba nzagutera
Niyo ubu ndiho nsigasira
Nisegura ngo nyisibe!
N'ubwo nsize abo nshinzwe
Ntabwo ari ubutati
Ni ubutindi bw'isi
Bumpuse ntashaka:
Umwanzi yaruse umwiza!

Mawe warushye umbyara
Ukandinda uwo mwanda
Ukantamika ntabizi
Ukamfasha ntambuka
Ukamfunyikira ngiye
Ukampishira ndi hafi
Naza ukanyakira
Ukampoza mu gituza
Ibyago binyugarije
Ukampishira n'ibanga
Umunsi byari ngombwa
Ukansabira gutuza
Usanze umutima utera…
Ntundirire ndagiye
Niba wowe uhonotse!
Imana y'abanyarwanda
Yibagiwe gutaha
None jye ndayisanze
Niba ikimenya abayo!
Yinyambarize ahubwo
Umunsi nzayisanga
Nzajye yo nisanga,
Nta kuruhira ku isi
Ngo nunayihunga
Usange umuruho uganje
Byaba ari agahinda…

Mbega iraga rigoye!

Ya nduru si indoto
Ndugarijwe baraje !
Nigiriye inama
Nsezera nkibibasha
Ndumva imihoro ihuha
Imyambi ivuza ubuhuha
Ngaho abariho mubeho

Nsezereye n'abandi
Batagize umwanya ;
Uzacika uyu mwanzi
Azahore azirikana ko
Twabayeho nkamwe
Dutotezwa iteka
Duhorwa amavuko
N'abazwi amavuko !

Nimwongezwa iminsi
Muzibuke iteka
Ko twari nk'abandi!

JYA WIBUKA !

Uriho nk'incike mwari benshi !
Rwa rubyiruko mwakinnye ubute;
Abababahanaga mutakobwe
Cyangwa mwatetaga musanga ;
Yaba imihana wajyaga ugenda
Abayituraga mutumirana
Rwaba urugaga rw'abo utazi
Imana yaremye ari abatutsi,
Haje umwanzi arakusanya
Oya si ukwica abigira atageza ! !

Igihe bashishikara batwica
Baje nk'imvura y'amahindu
Uwitwa uwacu ntiyabacika
Kuva ku mwana ukiri muya nyina
Ab'imvi n'impara ntibabareke !

Impinja zasekeraga umwanzi
Byageze aho nazo zitakamba
Umubisha akanga akongeza ingufu
Kurira kwazo ntibimukange
Ahubwo akumva ari indirimbo

Ibyiza twagabiwe na Rurema
Babitwatse nta kigongwe
Uwabahonotse baramusahura
Kandi bamusiga ari incike
Atagira n'ugira ati icecekere !

Imisozi bayigize amatongo
Bayita nta nzu nta gitungwa
Ugeze aho kera yataramiraga
Kubona uko hari ubu biramusiga
Amarira ntabone aho ahayakwiza...

Ibuka agahinda baguteye !
Bakurimburiye umuryango
Uwawe yicwa nta gaciro
Kandi yarahoze akabarenza,
Abenshi baranyoye ay'ize !

Ibuka ko bakoze uko bashoboye
Bakaturinda kunezerwa

Uwariho neza bakabimuvutsa
Kuruha kwacu bikabaneza
Amarira yacu akabagwa neza !

Ibyacu byari byasubiwemo
Bakaduhiga tutabarwanya
Uweguye umutwe bakamuhonda
Kugeza twigurira urwo twicwa
Abatabishoboye bagapfa nk 'imbwa !

Ibuka abo bari bari nkawe
Bazira ubwiza imana itanga
Uwari kuzapfa atanabakozeho
Kubakiniraho ntabitinye
Akabakoza isoni bidasubirwaho !

Ibuka ujye urira ariko unyuzemo uhore
Baramutse bamenye ko ukigorwa
Umunezero wabasaga
Kuko ntibakuretse ngo uhirwe
Ahubwo warokowe n'imana !

Imana iturema ntiyababajije,
Bajya kutwica ntibayibaza !
Umunsi nuza izabibabaze
Kuko twe ntako twabagenza
Abakibarwanira nibo benshi….

NSEZERE NO KU BACU:

Singawe kurushoza
N'ubwo ntarusoje
Si uko ntabishatse
Ahubwo sinabishoboye
Ubwinshi burandenze!

Nsezeye izina irindi
Nsanga ndamutse nshaje
Nasiga ibigishibuka;

Iwacu hari henshi
None ubu ni ngerere:
Nsezere se abo bose
N'irya ngano yagiye ?
Ntabwo nabisoza
Usibye ndundarunze
Nkivugira imirenge!

Mwurire ya Bicumbi
Ni amaraso y'iwacu;
Bambe hari kera!

Umwanzi yarahugutse
Bene Mutihinga
Abahindura iyanga!
Aragenda Faranswa,
Karaveri Karera
Na Nkundabarera
Bajyana urubyaro,
N'abandi, n'abandi
Bagabijwe ibisiga
Imyaka ibiri ikarenga
Banamye ku gahinga!

Rya jana n'imisago
Biyunze ku bandi
Barenga ibihumbi
Umwanzi ahumbahumba
Nk'imbagara aratwika!
Ubu uroye utwo duhanga
Yegurwa n'agahinda
N'iyo yaba wenda
Ntawe azi wahaguye;

Waba umenyemo nk'umwe
Ntuyabuze gutemba;

Ubonye icumi rirenze
Winaze mu mirongo
Ugenda usanga amagana
Ukumva uramutse utinze
Wata umutwe burundu
Ukishyira mu mutuzo
N'ubwo bitangaje!

Abacu bahatuye
Utaraphuye arwana
Yiciwe ku rugendo
Agenda abundabunda
Uboshye utagira indaro!…
Yewe, ibyaho birandenga!

Tambagira Rutonde
Wibuze kuhatinda
Utiruka uhungabanye
Urebye uburyo umuryango
Wamburiweyo ingingo:
Uwitwa umugabo wese
Cyangwa se ubigamije
Harokotse ngerere!

Urebe iyo misarane
Basesejemo impinja
Ba nyina batakamba!
Bene Mukanama
Babanazemo areba
Babanje umuganji
Abisabira ubasonga
None yasize imyenda!
Rwakanyembwa n'abe
Bahetse nk'uwa Bija;
Nshimiye na Burigisi
Kabingo na Kagabo
Nkurikiyinka, Karangwa…
Bambe sindushoze
Ntabwo narusoza!

Sindi buvuge abari
Bacu babohoje…

Niwumva iyo ngendo
Uzarira uyahanagure
Kandi wowe ubibarirwa
Wihorere ababizi
Utababona bitonze
Ukibaza ko batuje:
Twabuze ibyo dukwiye
Twemera ibyo duhawe!

Suma se ujya mu gisaka
Cyane iyo Kabarondo
Urambagire imirenge
Urebe Rubira cyane
Za mfura wahabonaga
Ni imbuto y'umusaza!
Hari Rwakanyembwa
N'uwe Nyirabashumba
Baherekeje abana
Babo n'abakazana
N'abo buzukuruje!

Mutungiyinka Atanazi
N'uwamwamye iruhande;

Sindagaya Nkusi
N'abana n'umugore…

Umwanzi yaje yaje
Ayora nk'ukubura
Nta nzu nta rutoki
Yisigira amasambu
Uboshye hazihinga!

Abashize ubudashibuka,
Abarokoye ngerere,
Ababuze ubara izabo,
Yewe, ni inkuru igoye ibara.

Genda se ugere i Zaza:
Ahari kwa Bugingo
Bahateye itabi!
Ahari kwa Butera
Habaye ikigunda
Twarahataramiraga!
Bene Hitimana
N'abo kwa Karangwa

Hasigaye ngerere

Barahondahonze
Bongeramo baranoza
Hanyuma baratwika!
N'iyo ndamutse nshatse
Kwibuka iyo miryango
Ndwanira kubirwanya,
Ibyaho ni agahinda
Kenda kuzandenga!

Nivugiye imirenge
Yuzuraga imiryango
Nuzurwa n'intimba
Nibutse iyo mirambo
Yahawe ibisiga
Ntisige na gihamba
Uboshye yari impehe!

Aragenda Heneriko
Yisigira urushako
Amutana urubyaro!
Agenda atyo Mutarugera
Watuye i Kanombe
N'Urya Mukaruziga
Wavukaga i Kabuye;

N'abo ntarondoye
Ari abamenywe izabo
N'abo twayoberewe
Irengero n'imipfire!

Nsezere mvuga ayahe
Ntwari mwaducitse?

Ntabwo mwaduhunze
N'uko babahuse!
Akenshi ndetse mugenda
Twabaga tubareba
Uwacu ntube ari uwo
Ni uko ubu tugikukuza!

Mwadusigiye umurimo
Ugomba benshi ubundi:
Wo gukomeza umuryango.
None nimudusabire

Uzaza ajye asiga asoje
Cyangwa asize usoza

Wenda umunsi uzaza
Twongere tube benshi
Twiturire henshi.

N'ubwo inkovu ari nyinshi
Ntabwo zizatema!

N'ubwo hariho abanga
Tuzagumya tubeho!

WIHOGORA !

Bagusanze uri umusaza
Amashami yawe barayakonda
Urakokoka basiga ukukuza ;
Si urukundo rwakurokoye
Ni agahinda bakugabije
Basiga baziko utakigaye
Ahubwo uzanogoka ukigorwa !
Nubibona ukazenga
Uzazire ko utazika ? !
Iririre, ntuhogore ariko !

Kera wari umurezi
Uzinduka unezerewe
Usanganira ababyiruka
Bizihiwe no kubaho
Ubereka izo batera
N'aho bazitera ;
Haje abo mwareranye
Bivugana abo murera ;
Bamwe mubo mwareraga
Bazize abo bareranwa
Utibagiwe abo barezi
Bazize abo barerera !
Nubibona ukazenga
Uzazire ko utazika ? !
Iririre, ntuhogore ariko !

Wajyaga uvura utavangura
Ukavugwa neza hari impamvu,
Waramugobotse uwakwigombye ;
Utaravutse umurebera
Niwe urya wunze atera isekuru…

Abakuganaga bataka
Ubiteze ngo utabare
Baje ari bo bateye ;

Bacoce abarwayi
Birenza abarwaza
Ntuvuge ababavura !
None ubu baraganje
Ngo aha sibo b'isonga
Barishe ibibondo
Bivuga bizihiwe

Bigamba iyo ngendo !
Nubibona ukazenga
Uzazire ko utazika ? !
Iririre, ntuhogore ariko !

Bivuganye abahanzi
Barajyaga baduhoza
Twiyumvira indirimbo
N'iyo mivugo myiza
Yivugira iby'iwacu ;
Abavugaga urukundo,
Abavugaga agahinda,
Abajyaga bahanura
Cyangwa baduha ingamba…
Barabashinyaguriye
Abenshi babura ubuzima
Ntawe ubazunguye !
Nubibona ukazenga
Uzazire ko utazika ? !
Iririre, ntuhogore ariko !

Abatangaga imigisha
Bishe abo bayihaga !
Abajyaga bayihabwa
Bica abayibahaga…
Abizihiwe bahinga
Bishe ababaha umubyizi
Barajyaga bajyana !
Nta gahunda yariho !
Nta wabonaga iyo bijya !
Babigiranye ubwinshi
Bigaba bigamba
Bumva n'uwabarega
Atabibonera abagabo
None umenya baganje
Kandi bitagombye !
Nubibona ukazenga
Uzazire ko utazika ? !
Iririre, ntuhogore ariko !

Kera wari ugaye
Ubyaye wujukuruje
Wagera mubo uvuka
Mwegeranyije imbyaro
Mwabarirwa mu magana ;

Baje ari ibihumbi
Ari abana b'incuke
Ukimukiranya inzego
Urunduka ku bakambwe
Abari n'abateze ingori
Nta wasigaye ataje,
Nta n'igihe wabonye
Ngo ubacishemo ijisho:
Nawe ntiwariho burya !

None ubu uri incike
Kandi ni wowe ushinja
Mwicaye mu gacaca
Utanazi uwo uregera
Niba atari mubo urega !
Nubibona ukazenga
Uzazire ko utazika ? !
Iririre, ntuhogore ariko !

I Rwanda haje bendegereza :
Hamwe watahaga utitaza
Bahahinduye mukw'uwenze !
Abo mwasangiraga inkomoko
Bahata ubuzima bazimana imizi …

Nubibona ukazenga
Uzazire ko utazika ? !
Iririre, ntuhogore ariko !

None ntukarire ngo uhogore
Utazaneza umwanzi ukwanga
Akazigamba ko uri ingorwa
Atuje n'abe ariwe gitera.

MUNCIRIYE URUHE ?

Abanduhiye nkivuka
Bantaye mu byahi!

Imyaka ibaye myinshi
Ntanga ibyo ntahawe
Abari kuba babimpa
Barabanyaze ubuzima
Bansigira izo mbyogo
Ngomba kuzabyirura
Nanjye ntarabyiruka!
Sindya ubuto nk'abandi
Nk'aho ndegwa ubutati…

Nkanjye wandeze ikihe
Cyatumye undeka undeba
Ukandinda kugenda
Undindirije kugorwa?!

Singoheka iyo ndyamye
Numva mwene mama
Atengurwa azira isonza
Isambu badusigiye
Zaragabanye abandi
Batabuze ahandi!
Nzavugirwe se na nde
Ntawe undenza imyaka
Mu baruhonotse?

Amazi anteye ubworo
Zari ubushyo iwacu
Zinikiza uko bwije;
Abazihase umuhoro
Bibereye iwabo
Ngo hari gahunda
Izahorwe abahanzi
Abayihaye isura
Barindwe icyo cyaha!
Nimbona bindenze
Nkinywera agatabi
Uzanziza ubwo burara
Utarebye izo mpamvu
Zampereye mu mizi

Nintariha siniga,
Kandi ntahe mpahe
Nambike n'ibibondo
Nta mushahara mpabwa!
Nimbura aho ndikura
Nkisunga ibisaza
Byisasira amanoti
Nkemera ngacuruza
Muzanyita indaya
Mbe mbaye kabwera
Urungano rumpunge
Nsezere ku rukundo
Ntararumenye isura
Kandi nzi ko ruryoha!..
Nk'ubwo kubaho kwanjye
Wumva bifite impamvu?

Ubwana sinaburiye:
Mama ntiyambwiye
Za "ihorere shenge"
Ansimbiza ansoma cyane
Nk'ibyo njya mbona ahandi!
Data bamutwaye
Ntangiye kumukunda
Abamboneraga izuba
Bazimanye n'iwacu;
Ijambo nka masenge
Cyangwa mama wacu
Nyumvana abo duhura;
Iyo biga amasano
Usanga jye nsinzira!
Nta rugero nahawe
Sinagira aho mpera
Nihitiramo iyo njya!
Umunsi se urwo rugendo
Rwandinze ahagibwa
Rukandoha ahubwo
Sinzitwa ikigwari
Nk'uwigira ibyo azi?
Nk'iyo ukora ibarura
Uronda abahonotse
Jyewe umbarira hehe?

Nireraniwe ituze
Bantoza gutinya
Ibitesha agaciro
Nizigamira ahubwo
Uzansanga abikwiye;
Wa munsi baraza
Bigaba bigamba
Bigabiza ab'iwacu!
Bangabyeho igitero
Ndenga ibyo nirinze
Bandohamo ibikoko
Bimboreramo n'ubu
None ndabona ndenga
Kandi abaricitse
Muri uyu muryango
Nitwaga nyina wabo!

Nibarize abahanga
Muri ibyo by'imanza:
Ko nduzi we avuzwa
Ngo yavaho agenda
Adasoje urubanza,
Nkanjye yaroze abizi
Ko nzasiga ari aho
Abo bana yarinze
Kuririra ababyeyi
Baciriwe uruhe?

Ko ngiye se nduzi
Nari umwe muri bake
Bamuzi ayogoza
Ababizi nibashira
Ntazavaho ataha
Agatamba nk'umwere?

Nari umusore nk'abandi
Nikinira agapira
Niruka nk'ingeragere :
Barahondahonze
Bampindura intere
Banshyingura ndeba
Bazi ko ndi intumbi
None dore ubu ndaho
Ntumbaze uko nazutse!

Banciye umugongo

Sinkigira umuyego
Ku bari kunezwa
N'uko ncitse umwanzi
Nabaye umusaraba
Wigereka ku yindi;
Ntawe mariye ikintu
Ahubwo mfite abo ngora
Bangokera iteka
Nk'aho ndi umukambwe
Witurwa icyo atuye!

Bansize nta sura
Nari ikibasumba
Abambona ubu baraseka
Bari gusitara
Batanya bansanga
Ngo bambaze iwacu !
Singiteye ubwuzu
Nteye iseseme ahubwo;
Nk'ubwo se kubacika
Nzabyite amahirwe
Nirorera agahinda
Ntenda kuzahunga
Katariho kera
Katari no kubaho
Iyo bampamya icyico
Aho kunca mu bandi?!

Abatuvukije abarezi
Baturinze uburere
Bifitiye abo barera
N'ibyo babareresha
None nitwe birara
Twaravukijwe ihaho
N'abakaduhaye!

Dawe se wambyaye
Undambirijeho inshimwa
Ukansiga nkizishinga
Ko untaye nta shinge
Uzanshinja gusaya
Utarasize uhasije?

Mawe wanyibarutse
Ukansiga mu buhinja
Unansigiye izo mpinja

Umunsi umuruho nk'uyu
Wandaze ndi iryori
Wandenze nkararuka
Uzanshinja ko natannye
Utarampamye impande
Ngo umbarire izo nteye
Undebera aho nzitera?

Zirikana…

Narose Ibigina zikinagiramo ingwe
Nikanguye nsanga zari inzozi, mbi ariko !

Ngo nari ndiruhanze urugamba uru
Ndoye indunduro irandenga
Ntambutse ntitega
Ariyo ntero ikwiye iyo ngiro
Nsunduka ntezwe n'uwakanteruye
Mbadutse mbaza uwo twajyanaga
Nti ese mwene Mama bite
Ko ndora ibikino bikina bigana ibuga
Aho ni amahoro ?

Mbe none mfura y'iwacu
Ko nduzi umugome
Agira agabe ubugabo
None yazadusiba aho azisumburira
Yarasize tunenga inka amacebe ?

Wowe wahiriwe n'amahanga
Uramenye nyabusa
Ntuzabyagurukane irago !
Hanga ijisho iwabo wa mbeho
Ngo biracika ibucikacumu !
Wiruca reka, shimika ahubwo
Ngo badacika bene bucura
Abungeri bagisera intanyurwa.

Zirikana nyabuneka utabare
Iyo ngwe itaragera izo nyana
Aho amabara ayigeze imbavu,
Uramvure ndumva impyisi igihuma.

Mfura ya Mama jya uzirikana ko
Umunsi induru igirwa indirimbo
Imisega ikiha amazina i Rwanda
Amaraso atembayo nk'amazi
Iyo nkuru itabaye mpuruye aha
Ahubwo ari indunduro ntindi
Y'inzira ndende wagendagamo
Abayiharuraga uhangayitse

Isi ukaba urora ibahaye rugari
Bidegembya no kukurenza
Ndakwinginze ujye ubizirikana.

Uzajye uzirikana ko amahanga
Baguhize adahangayitse
Isinde uzizezwa n'imuhana
Itazakubuza kwiyugamira
Ukazagubwaho n'amahindu
Nk'uko bya bihe byagenze,
Mfura ya Mama jya ubizirikana !

Urazirikane ko kubaho kwawe
Ari uburenganzira bwawe
Abakirirara ngo nturare
Ugire umugambi kubibaryoza
Utazarundukwaho udaharanye
Ifu ukayiraza uzi iby'i Fumbwe
Inkovu ikazagora abavuzi,
Ndakwinginze jya ubizirikana.

Ujye uzirikana ko umuruho warushye,
Umuruho abawe banogokanye,
Amarira yisutse ya minsi
Amaraso akanga akaba indubaruba,
Izi nkuru zadutse zibinnyega
Bigirwa ntabyo ubizi n'imizi
Ababiha iyo nyito atari abawe,
Ko urwo rugamba badukanye ino
Ari wowe uhururijwe kururwana
Intego yawe ibe kurutsinda.

Intwari zagiye irya minsi
Umwanda umwanzi azisigira ino
Ni wowe uhariwe kuwuhanagura
Ujye ubizirikana mfura ya Mama !

Ujye uzirikana ko inshingano ufite
Utaziharaniye wazihawe
Kuzihunza ubizibukire.
Suma usanga abo mugana ahasa
Tujye umugambi ugomba abagabo
Dusuganye ingufu zisigaye
Nibidusumba tuzisabireho
Tuzegeranye niyo ngiro nzima,

Nituzisesa tuzasibama
Ndakwinginze ujye ubizirikana !

Ujye uhora uzirikana utabituza
Ko kwa kwaha kwishe inkware
Nyirakwo akaboko ahora akamanitse
Ushake ingamba mfura ya Mama
Impyisi irahuma hozaho umutima.

Ntiwasigariye kuzasibama
Cyangwa kuba musigwasayo
Ujye ubizirikana, uharane ntibibe.

Narose Ibigina zikinagiramo ingwe
Nikanguye nsanga zari inzozi, mbi ariko !

Imana izampe zizabe inzozi.